RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'Amakuru y'Imikino yaranze icyumweru

## 2022 Taliki 10-14 Kamena




P1. Cycling: Mugisha Moise yegukanye Tour du Cameroun 2022

# Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 Cycling: Mugisha Moise yegukanye Tour du Cameroun 2022

P2 Cycling: Murenzi Abdallah yongeye gutorerwa kuyobora FERWACY

P3 Rugby: Ikipe ya Lion de Fer na Ruhango Zebras zegukanye irushanwa rikinwa n'abakinnyi 7

P4 Handball: Hakinwe imikinoya nyuma yo kwishyura mu cyiciro cya mbere

P4 Basketball: Shampiyona y'icyiciro cya mbere yarakomeje

P5 ARPST: Shampiyona y'imikino y'Abakozi igeze mu mikino yo kwishyura

P5 Swimming: Abakinnyi babiri bagiye guserukira u Rwanda muri shampiyona y'Isi

P6 NPC Rwanda-Amputee Football: Simon Baker yishimiye urwego uyu mukino ugezeho mu Rwanda

P6 Football: APR FC na Kiyovu ziracyafite amahirwe yo kwegukana igikombe

P7 Beach Volleyball: Amakipe y'i Burundi yitwaye neza mu mikino y'Akarere ka 5

# **Cycling:** Mugisha Moise yegukanye Tour du Cameroun 2022



*Mugisha Moise yegukanye Tour du Cameroun 2022*

Mugisha Moise yongeye gutwarira isiganwa muri Cameroun ubwo ku cyumweru taliki 12 Kamena 2022 yatwaraga Tour du Cameroun arusha Umunya Bulgaria Andreev Yordan amasegonda 32.

**Uko Mugisha yegukanye Tour du Cameroun 2022**

Iri siganwa rigitangira ku ntera ya mbere, Mugisha Moise yari ku mwanya wa 9 ku rutonde rusange nyuma ku ntera ya kabiri asubira inyuma ajya ku mwanya wa 15. Intera ya 3, Mugisha yagiye ku mwanya wa 12.

Ku ntera ya 4 yazamutseho imyanya 4 ajya ku mwanya wa 8. Ku ntera ya 7 ibanziriza iya nyuma, Mugisha Moise yazamutse ku rutonde afata umwanya wa mbere aho yashyizemo ikinyuranyo cy'amasegonda 32 ku mukinnyi wari umukurikiye.

Kuva ku ntera ya mbere kugeza ku ya 6 umwanya wa mbere ku rutonde rusange wafashwe n'abakinnyi batandukanye barimo Tella Artuce Jodele ukomoka muri Cameroun akaba akinira SNH Vélo Club wambuwe uyu mwanya nyuma y'intera ya 3 na Graczyk Vincent, Umufaransa ukinira Team France Défense na weawamburwa na Andreev Yordan (Bulgaria) ukinira Martigues Sport Cyclisme Payden-Rygel nyuma y'intera ya 5.

Ku ntera ya 7 ni bwo uyu Andreev Yordan na we yambuwe uyu mwanya na Mugisha Moise aho kuva Boumnyebel werekeza Mbalmayo (112.6 km) yaje ku mwanya wa 4 akoresheje amasaha 2, iminota 48 n'amasegonda 17 mu gihe intera yegukanwe n'Umufaransa, Taillandier Axel wakoresheje amasaha 2, iminota 48 n'amasegonda 14. Mugisha yahise ayobora urutonde arusha amasegonda 32 Andreev Yordan wari umaze intera 2 ayoboye isiganwa.
Uretse Tella Artuce Jodele wegukanye intera ya mbere na Andreev Yordan wegukanye intera ya 4 abandi bose bagiye bafata umwanya wa mbere ku rutonde nta ntera begukanye. Ku ntera ya nyuma ya 8 yakinwe ku Cyumweru taliki 12 Kamena 2022 yavaga Ebolowa yerekeza i Yaoundé (151.4 km) yegukanwe na Adil El Arbaoui ukomoka muri Maroc akoresheje amasaha 3, iminota 40 n'amasegonda 17 mu gihe Mugisha Moise yasoreje ku mwanya 8 aho yakoresheje amasaha 3, iminota 40 n'amasegonda 35.

Ku rutonde rusange, mu bilometero 1090.8, Mugisha Moise yasoreje ku mwanya wa mbere akoresheje amasaha 26, iminota 34 n'amasegonda 24, ku mwanya wa kabiri haje Andreev Yordan (26h34'56" ), ku mwanya wa 3 haza Tella Artuce Jodele (26h34'57"), Daumont Paul ku mwanya wa 4 n'amasaha 26 iminota 35 n'amasegonda 17 (26h35'17") mu gihe El Arbaoui Adil yabaye uwa 5 n'amasaha 26, iminota 35 n'amasegonda 25 (26h35'25").

**Imyanya abandi bakinnyi b'u Rwanda basorejeho**

Munyaneza Didier yasoreje ku mwanya wa 7, Muhoza Eric (12), Nzafashwanayo Jean Claude (25), Niyonkuru Samuel (27) na Tuyizere Etienne (33). Ikipe y'u Rwanda yegukanye umwanya wa mbere ikurikirwa na Maroc naho SNH Vélo Club yo muri Cameroun yegukana umwanya wa 3.

Abakinnyi 53 ni bo batangiye iri siganwa ryari ribaye ku nshuro ya 18 ariko hasoje abakinnyi 44.

Ni ku nshuro ya kabiri u Rwanda rutwaye iri siganwa nyuma ya 2018 ritwarwa n'Uwizeyimana Bonaventure. Ni isiganwa rya kabiri kandi Mugisha Moise atwariye muri Cameroun nyuma ya Grand Prix Chantal Biya yo mu 2020 mu gihe Areruya Joseph yatwaye Tour de l'Espoir mu 2017 nayo itegurwa n'Igihugu cya Cameroun.

# **Cycling:** Murenzi Abdallah yongeye gutorerwa kuyobora FERWACY



*Murenzi Abdallah yongeye gutorerwa kuyobora Ishyirahamwe ry'Umukino w'Amagare mu Rwanda (FERWACY) mu myaka ine iri imbere*

Inteko rusange y'Ishyirahamwe ry'umukino w'amagare mu Rwanda (FERWACY) yateranye ku wa Gatandatu taliki ya 11 Kamena 2022 yongeye kugirira icyizere Murenzi Abdallah atorerwa kuyobora uyu muryango mu myaka ine iri imbere.

Imwe mu nshingano ikomeye ya komite nyobozi ya FERWACY yatowe ifite ni ugutegura shampiyona y'Isi yo gusiganwa ku magare izabera mu Rwanda mu 2025.

Abanyamuryango bose uko ari 11 ba FERWACY bari bitabiriye amatora batora Murenzi Abdallah wari umukandida umwe n'amajwi 10 kuri 11.

Kuri gahunda yo gutegura shampiyona y'Isi izabera mu Rwanda mu 2025, Murenzi yavuze ko mu myaka itatu isigaye hagiye gukorwa imyiteguro yimbitse ku buryo Abanyarwanda bazahatana bashaka amanota meza n'imyanya myiza.

Yagize ati " Turasabwa gukomeza kuzamura ubushobozi bw'abakinnyi no kugira umubare munini w'abakina umukino w'amagare, kongera amasiganwa y'imbere mu gihugu no kwitabira ayo hanze y'u Rwanda menshi."
Murenzi Abdallah yari yatorewe kuyobora FERWACY mu Ukuboza 2019, nyuma y'amezi atatu hahise haza icyorezo cya COVID-19 avuga ko cyabaye imbogamizi ikomeye kuri komite icyuye igihe yarayoboye.

**Komite Nyobozi ya FERWACY**

**Perezida:** Murenzi Abdallah
**Visi Perezida wa mbere:** Karangwa Francois
**Visi Perezida wa kabiri:** Kayirebwa Liliane
**Umunyamabanga Mukuru:** Munyankindi Benoit
**Umubitsi:** Ingabire Peace
**Abajyanama:**

- Me Bayisabe Irene
- Karambizi Rabin Hamim

**Abagize Komite ngenzuzi:**

- Niyonzima Gildas
- Mupenzi Christophe Rene

**Abagize Komite Nkemurampaka:**

- Rwanyange Rene Anthere
- Nkurunziza Jean Pierre
- Karama Geoffrey



# **Rugby:** Ikipe ya Lion de Fer na Ruhango Zebras zegukanye irushanwa rikinwa n'abakinnyi 7


*Visi Perezida wa kabiri muri Komite Olempike y'u Rwanda Salama Umutoni ashyikiriza igikombe kapiteni wa Lion de Fer*

Taliki 11 na 12 Kamena 2022, Ishyirahamwe ry'umukino wa Rugby mu Rwanda (RRF) ku bufatanye n'umuterankunga "Big Ant Studios"bateguye ku nshuro ya kabiriirushanwa mpuzamahanga mu cyiciro cy'abakina ari 7 "Big Ant Studios Rugby 7s Tournament 2022".

Ikipe ya Lion de Fer mu bagabo ndetse na Ruhango Zebras mu bagore ni zo zegukanye igikombe.

Iyi mikino yabereye ku kibuga cya Croix Rouge ku Kacyiru yitabiriwe n'amakipe 25 harimo 16 mu bagabo yari agabanyije mu matsinda 4n'andi 9 mu bagore yari agabanyije mu matsinda 2.

Mu bagabo, itsinda A ryari rigizwe na Thousand Hills B, Kigali Sharks, Burera Tigers na Kampala Rams. Itsinda B ryari rigizwe na Kamonyi Pumas, FoRR (Friends of Rwandan Rugby), Rwamagana Hippos na Lion de Fer. Itsinda C ryari ririmo UR Nyagatare,Resilience, UR Rukara na Kigali Barbarians naho itsinda D rikaba ryari rigizwe na IPRC Musanze, Muhanga Thunders, UR Huye na Thousand Hills.

Mu bagore itsinda A ryari rigizwe na Panthers, Ruhango Zebras, Resilience, FoRR na Kigali Sharks naho itsinda B ririmo UR Huye, UR Nyagatare, UR Rukara na Lion de Fer.

**Uko imikino yagenze nyuma y'amajonjora**

**Mu bagabo**

**Imikino ya ¼**

- Kigali Sharks 14-19 Lion de Fer
- Kampala Rams 19-05 FoRR
- UR Rukara 00-40 Thousand Hills
- Resilience22-00 Muhanga Thunders

**Imikino ya ½**

- Lion de Fer 21-05 Thousand Hills
- Kampala Rams 14-07 Resilience

**Umukino wa nyuma**

- Lion de Fer 19-10 Kampala Rams

Umukinnyi wahize abandi mu bagabo ni Ikorukwishatse Patrick (Lion de Fer)

**Mu bagore**

**Imikino ya ½**

- Ruhango Zebras 22-00 Lion de Fer
- Resilience 7-7 UR Rukara (1-2)

**Umukino wa nyuma**

- Ruhango Zebras 22-00 UR Rukara

Umukinnyi wahize abandi mu bagore ni Uwimpuhwe Yvette (Ruhango Zebras).







## **Handball:** Hakinwe imikinoya nyuma yo kwishyura mu cyiciro cya mbere

Taliki 11 na 12 Kamena 2022, hakinwe imikino ya nyuma yo kwishyura muri shampiyona y'icyiciro cyambere mu bagabo mu mukino wa Handball. Indi mikino yabaye ni iyo mu cyiciro cya kabiri mu bagabo.

**Uko imikino ya shampiyona yagenze**

**Icyiciro cya mbere mu bagabo**

**Taliki 12-06-2022**

**League A**

- Munyove HBC 23-34 UR Huye
- Police HBC 42-15 St Martin Hanika
- UR HuyE 22-25 ES Kigoma
- St Martin Hanika 28-24 Munyove HBC
- ES Kigoma 25-38 Police HBC

**League B**

- APR HBC 35-30 Nyakabanda
- Nyakabanda 29-28 ADEGI
- Gicumbi HBT 41-13 UR Rukara
- UR Rukara 23-45 ADEGI
- APR HBC 18-24 Gicumbi HBT

**Icyiciro cya kabiri mu bagabo**

**League A**

- UR Rusizi 23-22 UR Busogo
- Vision JN 0-20 UR Nyarugenge
- Gikondo 20-16 UR Remera
- UR Busogo 14-38 UR Nyarugenge
- UR Remera 24-13 UR Rusizi

**League B**

- Gorillas HC 25-24 UR Rwamagana
- UR Nyagatare 26-24 GS St Aloys
- TVET Mutenderi 31-28 UR Nyagatare
- UR Rwamagana 23-16 GS St Aloys
- Gorillas Hc 28-19 Tvet Mutenderi

**FEDERATION RWANDAISE DE HANDBALL**

**2022 MEN'S HANDBALL NATIONAL LEAGUE-DIVISION 1**

**TABLE STANDINGS AFTER ALL ROUNDS**

| LEAGUE A TABLE STANDINGS | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Rank | Teams/Clubs | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
| 1 | Police HBC | 8 | 8 | 0 | 0 | 387 | 171 | 216 | 24 |
| 2 | ES Kigoma | 8 | 5 | 0 | 3 | 241 | 219 | 22 | 18 |
| 3 | UR Huye | 8 | 5 | 0 | 3 | 221 | 208 | 13 | 18 |
| 4 | GS St. Martin Hanika | 8 | 2 | 0 | 6 | 175 | 287 | -112 | 12 |
| 5 | Munyove HC | 8 | 0 | 0 | 8 | 155 | 294 | -139 | 8 |

| LEAGUE B TABLE STANDINGS | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Rank | Teams/Clubs | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
| 1 | Gicumbi HT | 8 | 8 | 0 | 0 | 300 | 142 | 158 | 24 |
| 2 | APR HC | 8 | 6 | 0 | 2 | 232 | 186 | 46 | 20 |
| 3 | ADEGI | 8 | 3 | 0 | 5 | 238 | 232 | 6 | 14 |
| 4 | Nyakabanda HC | 8 | 3 | 0 | 5 | 212 | 233 | -21 | 14 |
| 5 | UR Rukara | 8 | 0 | 0 | 8 | 139 | 328 | -189 | 8 |

**FEDERATION RWANDAISE DE HANDBALL**

**2022 MEN'S HANDBALL NATIONAL LEAGUE-DIV 2**

**TABLE STANDINGS (Second Round)**

| LEAGUE A TABLE STANDINGS | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Rank | Teams/Clubs | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
| 1 | UR Nyarugenge | 7 | 5 | 0 | 2 | 196 | 132 | 64 | 17 |
| 2 | UR Gikondo | 6 | 5 | 0 | 1 | 136 | 90 | 46 | 16 |
| 3 | UR Rusizi | 7 | 2 | 2 | 3 | 130 | 149 | -19 | 13 |
| 4 | Vision JN | 6 | 3 | 1 | 2 | 124 | 134 | -10 | 12 |
| 5 | UR Remera | 7 | 2 | 0 | 5 | 102 | 140 | -38 | 10 |
| 6 | UR Busogo | 7 | 1 | 1 | 5 | 125 | 168 | -43 | 10 |

| LEAGUE B TABLE STANDINGS | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Rank | Teams/Clubs | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
| 1 | Gorillas HC | 6 | 6 | 0 | 0 | 167 | 134 | 33 | 18 |
| 2 | UR Rwamagana | 6 | 4 | 0 | 2 | 144 | 129 | 15 | 14 |
| 3 | TVET Mutenderi | 6 | 3 | 0 | 3 | 145 | 153 | -8 | 12 |
| 4 | UR Nyagatare | 6 | 1 | 0 | 5 | 138 | 149 | -11 | 8 |
| 5 | GS St. Aloys | 6 | 1 | 0 | 5 | 118 | 147 | -29 | 8 |

## **Basketball:** Shampiyona y'icyiciro cya mbere yarakomeje

Mu mpera z'icyumweru gishize, taliki 10, 11 na 12 Kamena 2022 habaye imikino ya shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo n'abagore.

**Uko imikimo yagenze**

**Icyiciro cya mbere mu bagabo**

**Taliki 10-06-2022**

- REG BBC 99-75 Shoot for the Stars
- UR CMHS BBC 55-92 IPRC Kigali

**Taliki 11-06-2022**

- UR CMHS BBC 46-100 Shoot for the Stars
- Rusizi BBC 60-41 UR Huye
- Espoir BBC 67-68 Tigers BBC

**Taliki 12-06-2022**

- Rusizi BBC 51-77 REG BBC
- UR CMHS BBC 43-108 Espor BBC

**Icyiciro cya mbere mu bagore**

**Taliki 11-06-2022**

- UR CMHS BBC 22-58 GS Marie Reine Rwaza

**Taliki 12-06-2022**

- APR BBC 123-22 UR Huye BBC



# ARPST: Shampiyona y'imikino y'Abakozi igeze mu mikino yo kwishyura

Mu mpera z'icyumweru dusoje hakinwe imikino y' ibirarane mu mupira w'amaguru ndetse no muri Basketball.

**Dore uko imikino y'ibirarane yagenze:**

**Football:**

- MINAFET 0-5 MINAGRI

**Basketball**

- Parliament 26-66 RMB
- IPRC-Kigali 69-49 MINECOFIN

Mu mpera z' iki cyumweru hakazakinwa imikino yo kwishyura mu mikino itandukanye.

Imikino iteganyijwe ku wa Gatanu taliki 17 no ku wa Gatandatu taliki 18 Kamena 2022

**Uko amakipe azahura**

**Football: Icyiciro A**

- NISR- UR (KIE-15h30)
- WASAC-RwandAir (CSK-15h30)
- CHUB-RSSB (Huye-15h30)
- RBC-MOD (Kagarama -15h30)
- REG-RBA (Ruyenzi-15h30)
- RDB-RRA (UTEXRWA-15h30)

**Basketball : Icyiciro A**

- NISR-RwandAir (Stecol-15h30)
- CHUB-UR ( Huye-14h30)
- MOD-WASAC (Busanza-15h30)
- RRA -REG (Stecol-16h00)

**Football: Icyiciro B**

- RMB-RISA (CSK-16h00)
- IPRC Kigali -RTDA (IPRC Kigali-15h30)
- Myculture-RDB (Tuuza-Inn-15h30)
- MINECOFIN-MINAGRI

**Volleyball : Icyiciro B**

- RAB-MINISPORTS (KIST-15h30)

**Volleyball (Abagore)**

- BK-SKOL (CSK-10h00)
- WASAC-MOD (CSK-15h30)

**Imikino mu bigo by'abikorera**

**Taliki 18-06-2022**

**Umupira w'amaguru**

- BK -SKOL (CSK-10h00)

**Basketball**

- Stecol-BPR (Stecol-11h00)
- HIS-I&M Bank (CSK-10h00)
- Bralirwa-BK (Stecol-10h00)

# Swimming: Abakinnyi babiri bagiye guserukira u Rwanda muri shampiyona y'Isi

Kuva taliki 18 Kamena kugeza 03 Nyakanga 2022 i Budapest muri Hungary hazabera shampiyona y'Isi mu mukino wo Koga ku nshuro ya 19 "FINA World Swimming Championships 2022" izitabirwa n'ibihugu bitandukanye birimo n'u Rwanda.

Abakinnyi 2 mu cyiciro cy'abagabo ni bo bazaserukira u Rwanda ari bo Maniraguha Eloi, OLY na Irankunda Isihaka ndetse bakaba barageze i Budapest taliki 14 bari kumwe n'umutoza wabo Patrick Rukundo.

Maniraguha Eloi, OLY azoga muri "Freestyle" muri metero 50 aho asanzwe akoresha amasegonda 25 n'ibice18 na metero 100 aho akoresha amasegonda 56 n'ibice 70 mu gihe Irankunda Isihaka we azasiganwa muri "Butterfly" metero 50 aho asanzwe akoresha amasegonda 26 n'ibice 37 ndetse na metero 100 aho akoresha amasegonda 58 n'ibice 63.

Aba bakinnyi bombi bakaba basanzwe bari mu ikipe y'igihugu y'umukino wo koga igizwe n'abakinnyi bane (4), imaze igihe kirenga ukwezi mu mwiherero kuri La Palisse Hote Nyamata aho bazatoranywamo 2 bazahagararira u Rwanda mu mikino ya Birmingham 2022 izaba kuva taliki 28 Nyakanga kugeza taliki 08 Kanama 2022.



*Uhereye ibumoso: Maniraguha Eloi, OLY, Rukundo Patrick (Umutoza) na Irankunda Isihaka*

# NPC Rwanda-Amputee Football

## Simon Baker yishimiye urwego uyu mukino ugezeho mu Rwanda

Mu mpera z'iki cyumweru gishize, Ishyirahamwe ry'imikino y'abantu bafite ubumuga (NPC-Rwanda) ryakiriye Umunyamabanga Mukuru w'Ishyirahamwe ry'umukino w'umupira w'amaguru w'abafite ubumuga ku Isi (World Amputee Football Federation "WAFF"), Simon Baker akaba yarishimiye urwego uyu mukino umaze kugeraho mu Rwanda ndetse asaba ko abafite ubumuga bakomeza kwitabwaho muri Siporo.

Muri uru ruzinduko rwe kandi, Simon Baker yakurikiranye umukino wa gicuti mu bagabo no mu bagore umukino wakinwe n'abakinnyi basanzwe bakina shampiyona ya Amputee Football.

Mu cyiciro cy'abagore umukino wahuje ikipe ya Musanze naNyarugenge umukino urangira ikipe ya Musanze itsinze Nyarugenge 1-0.



Mu cyiciro cy'abagabo, umukino wahuje ikipe y'Igihugu ya Amputee Football n'abakinnyi batoranyijwe, umukino urangira ikipe y'Igihugu itsinze ibitego 5-1.




# Football:

## APR FC na Kiyovu ziracyafite amahirwe yo kwegukana igikombe

Ku wa Mbere taliki 13 Kamena 2022 habaye imikino y'umunsi wa 29 ubanziriza uwa nyuma wa shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mupira w'amaguru mu bagabo "Rwanda Primus National League 2021-2022" aho wasize ikipe ya APR FC na Kiyovu zose zigifite amahirwe yo kwegukana igikombe.

Ikipe ya APR FC yatsinzwe na AS Kigali ibitego 2-0 byatsinzwe na Haruna Niyonzima na Kakule Mugheni Fabrice mu gihe ikipe ya Kiyovu yanganyije na Espoir FC 0-0, umukino wabereye i Rusizi.

**Imikino y'umunsi wa 29 yabaye taliki 13 na 14 Kamena:**

- Musanze FC 1-0 Mukura
- Etoile de l'Est FC 0-0 Gorilla FC
- Gicumbi FC 1-3 Rutsiro FC
- APR FC 0-2 AS Kigali
- Bugesera FC 2-0 Police FC
- Marines FC 3-2 Rayon Sports
- Espoir FC 0-0 Kiyovu
- Etincelles FC 1-0 Gasogi United

Kugeza ubu APR FC irayoboye n'amanota 63, ikurikiwe na Kiyovu n'amanota 62, Rayon Sports (47), AS Kigali (46), Mukura (44), Police FC (40), Musanze (40), Marines FC (37), Espoir FC (35), Bugesera FC (34), Gasogi United (33), Etincelles FC (31), Gorilla FC (30), Rutsiro FC (29), Etoile de l'Est FC (28) na Gicumbi FC (18).



*APR FC ikina na AS Kigali*

# **Beach Volleyball:**
# Amakipe y'i Burundi yitwaye neza mu mikino y'Akarere ka 5






Kuva taliki 10 kugeza 12 Kamena 2022, i Burundi kuri "Petit Basam Beach Bujumbura" habereye imikino y'Akarere ka 5 muri Volleyball ikinirwa ku mucanga "Beach Volleyball" mu batarengeje imyaka 19 mu bahungu n'abakobwa "CAVB Zone 5 Beach Volleyball Youth Games 2022".

Iyi mikino yitabiriwe n'ibihugu 3 ari byo u Burundi, Tanzania n'u Rwanda. Aho buri gihugu cyari gifite amakipe abiri muri buri cyiciro uretse Tanzania yari ifite amakipe 2 mu bahungu gusa. Amakipe yari ahagarariye u Burundi ni yo yitwaye neza mu bahungu n'abakobwa.

Mu bahungu, ikipe y'u Burundi A yari igizwe na Ndayisaba Diamel na Ndayisaba Lionel yegukanye umwanya wa mbere itsinze ku mukino wa nyuma ikipe ya Tanzania B yari igizwe na Hussein Salumu na Abass Mukame amaseti 2-0 (21-18 na 21-19) naho ikipe ya Tanzania A yegukana umwanya wa 3.

Amakipe yari yaserukiye u Rwanda muri iyi mikino mu cyiciro cy'abahungu agizwe na Kayiranga Tristan, Gisubizo Mugabo Parfait, Cyusa Henry Brian na Ndarishize Olivier yaviriyemo muri ¼. Aba bakinnyi akaba ari ubwa mbere bari bitabiriye imikino mpuzamahanga.

Mu bakobwa, ikipe ya Burundi A yari igizwe na Igiraneza Delicia na Irakoze Pamella yegukanye umwanya wa mbere itsinze Burundi B yari igizwe na Ndayikengurukiye Emmanuella na Dushime Orline amaseti 2-0. Ikipe ya Rwanda A yari igizwe na Uwase Celine na Umuhoza Celine Dio yegukanye umwanya wa 3 itsinze Rwanda B (Ndagijimana Nancy na Uwase Hyguette) amaseti 2-0.

Umuyobozi w'Akarere ka 5, Ruterana Fernand Sauveur yatangaje ko iyi mikino yagenze neza ukurikije ibibazo bimaze iminsi birimo na COVID-19 kuko hari irushanwa nk'iri ryagombaga kubera muri Kenya ritabaye.





RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave